

Kugirwa Umwana #2 (Abana b'Imana Bagaragajwe)

Jeffersonville, Indiana, USA

18-05-1960

1 Duciye bugufi uyu mugoroba, nk'itorero, nk'itsinda ry'abantu bahamagariwe gusohoka, abizera turi hano uyu mugoroba ngo twigishe Ijambo ryawe, no kubwo gushyirwa mu mwanya wacu mu mubiri, mu mwanya wacu, aho dushobora gukora muburyo buteguye, nk'abagize umubiri wa kristo.

Kandi noneho, biradusaba guhita duhamagara kumana. Kandi buri wese muri twe, nk' ababyeyi batekereza koiyo aba uwo yari agakobwa kacu, uburyo imitima yacu yashengurwa n'umubabaro muri twe, twahamagarira amatorero ngo asenge, kandi ababyeyi bamwe barashengutse imitima, irababaye, Mwami, uyu muntu ukomeye w'umwuka wera aze kumutima wa Se, kuraho igicucu cyose cyo gushidikanya n'umubabaro, utume amenya ko uri Imana kandi ko nta ndwara iguhagarara imbere, nanone umurimo wawe wa Kimana ufitwe n'itorero ryawe n'abantu bawe.

2 Kandi, nkuko icyumweru cyose cyagenze, turi gusenga, guhera ku cyumweru gishize, natekereje kuburyo cyangwa ibikoreshwa mu gusenga. Mubigaragarira amaso y'Isi, nta ntwaro ikomeye cyane dufite, ariko iyi umuhumetso urica, iyo rifashwe n'intoki zo kwizera. Yo! Mwami, reka amasengesho yacu agere kuntego, maze urupfu ruri k'uyu mwana rumuveho,...umwijima, igicuku kive k'uyu mwana, w'uruhinja, cyangwa uyu mwana muto, uyu mukobwa muto. Umucyo munini w'ubwiza bw'Imana umurasire, asohoke mu bitaro, uyu mwana agire ubuzima bwiza

Yo! Mana, tuzi neza ko kurundi ruhande rw'umugezi, abakundwa bacu badutegereje, kandi birahebuje. Ariko dukunda abana bacu. Nanone, turagusenze, yo, Mwami

kubw'ikuzo ryawe urokore ubuzima bw'uyu mwana. Twe nk'itorero ryawe, hana urupfu, uvuge uti: "Hagarara aho. Ntushobora gutwara uyu mwana, kubera ko dusabye ubuzima bwe kubw'ubwami bw'Imana. " Byemeze, Yo, Mwami, ibi bintu bisubire bushya, nkuko tubihanze amaso, mw'Izina rya Yesu-kristo , Umukiza wacu. Amen.

3 Ese turizeye? Sinzi icyo nari gukora iyo mba ntari umukristo. Sinari byonyine gukunda kuguma hano undimwanya munini. Nta mpamvu yindi yo kubaho niba atari ukuzana abandi bantu ku gakiza, nicyo ikintu cy'ikirenga nzi.

Noneho, uyu mugoroba, dushaka gutangirira ku ncamake y' isomo ryacu ry'ubushize. Ndagerageza gusoma... igice cyose uyu mugoroba, niba bishoboka. Nuko, kucyumweru mugitondo... nzagerageza nibura gukora amateraniryo abiri, igitondo n'ikigoroba (niba ntacyo bitwaye), kubwo kwinjira neza muri iki gihagararo cyo nshaka kwereka itorero. Yoo! Birahebuje kumenya igihagararo cyawe! Kandi nta numwe ushobora kugira icyo aricyo cyose yakora, atazi icyo akora.

4 Wakora iki mugihe utegereje kubagwa, kandi hakaba hari umusore w'umuganga ukirangiza amashuri... utarigeze ubaga na rimwe. Kenshi, akaba ari mwiza, umusore, akagira umusatsi utunganije, usokoje neza, akaba yambaye neza, yarimbye, n'ibindi, akavuga ati: "natyaje ibyuma, natunganije ibikoresho byose, n'ibindi." Ariko, ushobora kutamushira amakenga. Nahitamo kugira umuganga w'umusaza wabimenyereye mbere yo kwitegura ibagwa. Nshaka kugira gihamyaga ko atari umuntu uvuye mu mashuri vuba, nkeneye umuntu ufite ubunararibonye.

Kandi, uwo nzi umwe w'impuguke, nshaka guhamagara iri joro ni Mwuka Wera, ni Umuganga n'Umwigisha ukomeye w'Imana.

5 Kandi, mugusasira Ubutumwa bwanjye uyu mugoroba, ndasubira nanone ku kibwirizwa cyo kucyumweru, mvuga ko cyari...banze Samweli, wari ufite Ijambo ry'Umwami, bakiriye Sawuli, umuhungu wa Kish; banze Samweli wari uhagarariye Mwuka Wera, kuko yavugaga gusa igihe Mwuka amuyoboye kuvuga. Igihe yabateraga amatsiko , yarababwiye ati: "Mwibuke, ntacyo nigeze mbabwira mw'Izina ry'Umwami ngo areke kugisohozwa. Kandi sinigeze ngira imyitwarire mibi hagati muri mwe. Ntawashinja icyaha numwe.

Nkuko Yesu yabivuze ati: "ninde ushobora kundega icyaha ?" Murabona?

Kandi arongera ati: " sinaje muri mwe ngo mbasabe impiya, cyangwa icyo aricyo cyose. Ntakiguzi nabatse, ahubwo icyo mvuga cyose, cyari ineza yanyu, icyo nabazaniye cyari ikivuye mu kanwa k'Umwami."

Maze abantu bose barabihamirije bati: "ni ukuri. Byose ni byo, ariko rwose turashaka kugira Umwami. Durashaka kuba nk'abandi bose."

6 Noneho, uyu mugoroba, icyanditswe cyacu kigabanyaga mu ukubiri. Urwandiko rwandikiwe ab'Efeso, ni igitabo cya Yosuwu cy'Isezzerano rishya; rikora imigabane kandi rigashyira abanesheje mu myanya yabo. Rero, turasubiramo mu ncamake, iminota mike, kugeza ubwo tugize aho tugera, mbere yo gutangira gusoma, guhera ku murongo wa 3. Rero, twabonye umugoroba w'icyumweru gishize yuko Imana mu Isezzerano rya Kera, yari yarasezeranije Isiraheli igihugu cy'uburuhukiro, kubw'ibyo, bari barabaye

abagenzi, inzererezi. Bari mu gihugu kitari icyabo, nuko Imana yarabasezeranije, binyuriye kuri Aburahamu, ko yajyaga gutura, kandi ko yamanutse agatura mu myaka Amagana ane hagati mubwoko bw'abanyamahanga, bwabatotezaga, yabasohojeyo ikiganza gikomeye, ngo abajyane mu gihugu cyiza gitemba amata n'ubuki.

7 Nuko, rero, ubwo isezerano ryari rigiye gusohora, Imana yahagurukije umuntu wo kubajyana muri cyo gihugu. Nibangahe muri mwe uyu mugoroba, bazi uwo ariwe ? Mose. Murebe, urugero, nyarwo neza neza ry'uwo twahawe, ngo atujyane mu gihugu cy'isezerano: Kirisito, nuko dufite Isezerano; kubw'ibyoye, isezerano ryacu, ni ikiruhuko cyo mu mwuka, naho icyabo cyar ikiruhuko cy'umubiri. Rero, bajyaga mu gihugu cyo bashobora kuvuga bati "iki, ni iguhugu cyacu, ntitukiri inzererezi, dutuye hano, ni igihugu cyacu, kandi dufite ikiruhuko. Turatera ingano zacu, imizabibu yacu, tuzarya imbuto z'imizabibu yacu, nuko, nidupfa tuzabisigira abana bacu."

8 Yoo! Ni kangahe dushobora gucukumbura aho hantu, uburenganzira bw'umurage; urugero, Naomi na Rusi, Bowazi, dusubiyemo ibyo byose. Uburyo umu-Isiraheli, uko yagombaga, ...icyo yatakaje cyose cyagombaga gucungurwa na mwene wabo wa bugufi. Yoo! Mbega ukuntu ari byiza! Byadufata ibyumweru, ibyumweru, iby'umweru, n'ibyumweru, ntitwabimara. Dushobora guhina Bibiliya yose ubu nonaha, muri iki gice cyonyine, aha.

Yoo! Nkunda kwiga ibyo. Ubundi, twafataga igitabo, tukagifata mu mwaka umwe n'igice, ntitugisohokemo. Tukaguma kuri cyo.

9 Nuko, Ariko, cyari ikintu cyiza cyane, gakondo, uburyo byagendaga, gakondo y'ubutaka, ntamuntu n'umwe usibye umubyeyi wabugufi washoboraga kuzungura iyo gakondo. Noneho, munyemerere ntange urugero hano, mugucaho, kuri mwe babyeyi, nabivuze undi mugoroba. Nibande murimwe basengeye ababo, bazimiye? Mwebwe nanone, murabona, "Umurage wanyu". Murabona?

Pawulo yabwiye Abaroma, ati: " izere Umwami Yesu, urakira wowe hamwe n'umuryango wawe." Niba ufite kwizera guhagije ko kubakiza, mugire kwizera guhagije, ...uko uriya muhungu cyangwa uriya mukobwa ari ikigomeke kose, azakizwa, muburyo bumwe cyangwa ubundi, Imana, niyo baba barwaye, baryanye mu bitaro begereje urupfu, bazakizwa. Imana yarabisezeranije. Umurage ! Yoo! " Bazaba yo", Yesaya yaravuze ati: "kandi abana babo bari hamwe nabo, ntibazakomeretsa cyangwa gusenya hose mu musozi yanjye wera, niko Uwiteka avuze.

Yoo! Hari ikintu gito niringiye kugira uyu mugoroba kubwanyu, kiragurumana mu mutima wanjye, kandi bishyira kuri ibi. Ariko noneho, tujye imbere.

10 Hanyuma, mwaba mwarabonye uwakoraga bya bitangaza bikomeye, Mose, wambukije Isiraheli, kugera ku gihugu kandi wabajyanye kugeza mu bihugu cy'isezerano, ariko akaba atarabagejeje muri gakondo? Ntabwo ariwe wabahaye gakondo yabo; yarabayoboye abajyana mu gihugu, ariko ni Yosua wagabanije igihugu abana b'Isiraheli. Sibyo? Kirisito nawe, yagaruye itorerero kugeza aho umutungo wabo, wabateguriwe, barawuhawe, ntiyasigaye ahandi atari kuri Yorodani, ariko ni Umwuka wera ushyira itorerero kuri gahunda. Yosua w'uyu muni ashya itorerero muri gahunda. Atanga impano kuri buri wese, imyanya, igihagararo. Kandi ni Ijwi ry'Imana, ribwira umuntu w'imbere ko Kirisito yakijije: Umwuka wera.

Nuko rero, ese mubyukuri murashyikira ibi bintu? Noneho, twinjire mu rwandiko rwandikiwe Abefeso. Noneho, mu buryo bumwe, ari gushyira Itorerero mu mwanya waryo, buri wese mu mwanya we. Mugihe Yosua yabashyize mu gihugu kigaragara. Ubu rero, Umwuka wera ari gushyira Itorerero mu mwanya waryo, mu gihugu, mu mwanya barimo, gakondo yabo.

11 Nuko, ikintu cya mbere, atangiye akora hano, atangira urwandiko rwe, agira ati: " Pawulo". Kandi tugiye kureba nyuma ho gato ubwo bwirubwo bwose yabuhishuriwe, atari muri seminari, atari kubwa tewolojiya ahubwo ryari Ihishurirwa rya Kimana ry'Umwuka Wera, iryo Imana yahaye Pawulo, bizwi neza ko ubwiru bw'Imana, yavuze ko, yari yarashyirahye kuva ishi yashyirahye urufatiro, yahishuriwe kubw'Umwuka Wera. Kandi umwuka wera uri hagati mu bantu, ashya buri wese mu mwanya we, ashya itorerero mu mwanya waryo.

12 Mbese, ikintu cyambere Pawulo atangira abwira abantu; ni ukubwira abantu kwiyambura rwose... mwibuke, ibi birabwirwa itorerero, ntabwo ari k'umuntu wo hanze. Kuri we, ni ubwiru, ni inshoberamahanga, ntiyagera ubwo abyumva, byamucaga hejuru, ntacyo yigeze amenya. Ariko kw'itorero, n'ubuki mu rutare, n'umunezero uzase, n'ubwishingizi bw'umugisha, n'igitsika cy'ubugingo, ni ibyiringiro byacu, n'icyishingikirizo, ni Urutare rw'Ibisekuru, yoo! Ni icyiza cyose. Kuko ishi n'ijuru bizashira, ariko Ijambo ry'Imana ntirizashira.

13 Ariko umuntu uri hanze ya Kanani, ntacyo yamenya, ndetse yari inzererezi. Simvuzwe ko atari umuntu mwiza, ntabwo aricyo mvuze. Ntanubwo mvuze ko umuntu wari muri Egiputa, atari umuntu mwiza, ariko ubwo ibi atari ibye, kandi umutungo...

Isezerano ryahawe Itorerero, ntabwo ari igihugu gisanzwe, ahubwo ni igihugu cy'umwuka, kubera ko

turi abatambyi b'Ubwami, ihanga ryera, nuko rero, mugihe ari abatambyi b'Ubwami, b'iryo hanga ryera, b'ubwoko yironkeye, bahamagariwe gusohoka, intore, batoranijwe, bashyizwe ahitaruye, nukuvuga ko isi yo hanze yamaze gupfa neza. Kandi tuyobowe n'Umwuka Wera. Abahungu n'abakobwa b'Imana bayoborwa n'Umwuka w'Imana; atari umuntu, ahubwo Umwuka.

14 Ni kubw'urukundo, ibintu byose bijya hamwe. kenshi ibi byageragejwe kwigishwa kenshi, kandi nta gushidikanya yuko aba nya-Tewolojiya babikomojeho mu buryo bwimbitse kurusha uko njye nabishobora. Ariko icyo nshaka kugerageza kubumvisha, n'iki: yuko umuntu uri muri Kirisito, ufite Umwuka wera, ashobora kwihanganira umuntu uri mw'ikosa, aguwe neza, atuje, arihangana. Ni umunyamahoro, aroroheje, indahemuka, wuzuye Umwuka Wera, ntabona ibibi, ahora areba ibyiza. N'umuntu utandukanye.

Ntabwo ari umuntu, uzavuga ati: "Twigeze kuwakira. Ubwo twasakuza, twari tuwufite, twe abametodiste. Yoo ! ubwo twateraga hejuru, twari mu gihugu." Ni byiza, ni byiza, nanjye ibyo ndabyizera.

Hanyuma. abapantekote baraje hamwe no kuvuga mundimi, bari bawufite; "uwavuze mu ndimi wese yari awufite." Nanjye, ibyo ndabyizera. Ariko nyamara tubona ko benshi batari bawufite, murabona? Ubu bari...

15 Ubu noneho tugeze ku bwiru bukomeye, bwahishwe kuva isi ishagirwaho urufatiro, kandi bukaba noneho buhishuwe mu minsi ya nyuma, ku bana b'Imana. Mwizera ko ari ukuri? Ko abana b'Imana bagaragajwe? Mbere yuko tunakomeza imbere: dufungure Abaroma, igice cya 8, akanya gato, maze mureke ngire icyo mbasomera. Turebe ko ibi, bidahura nicyo ndiho mvuga, hano. Noneho tugiye gufata Abaroma 8, umurongo wa 19 w'igice cya 8 cy'Abaroma.

Ibyaremwe nabyo birategereje.....bitegerezanya amatsiko kugaragazwa kw'abana b'Imana.

16 Amatsiko menshi, icyaremwe cyose gitegereje kugaragazwa, (Murabona?) Ukugaragazwa! Kugaragazwa ni iki? Ni ukumenyekanisha!

Isi yose. Abasilamu, hariya, ibyo barabitegereje. Mu mpande zose, abantu bategereje ibyo ahantu hose. " abo bantu bari he?" twari dufite., twagize umuyaga w'umuriri, twagize inkuba n'imirabyo, twagize amavuta n'amaraso, twagize ibintu bitandukanye byose, ariko twananiwe kumva iryo jwi rito rituje, rireshya umuhanuzi, ryahushye ikanzu ye hose, ryasohotse rikavuga riti: " Ndi hano, Mwami." Murabona?

17 Noneho, ibyaremwe byos biraniha, bitegereza guhishurwa kw'abana b'Imana. Nuko rero, Pawulo agiye gushyira itorero mu gihagararo cyaryo. Noneho, mu gusasira reka twongere dusome. Pawulo, intumwa ya Yesu-Kristo kubw'ubushake bw'Imana, ku bera (abo, ni "abejewe") ab' i Efeso, kubizerwa muri Yesu-Kristo:

Byiza, kugira ngo abo mbwira batacyibagirwa: twinjira gute muri Kristo? Ese twinjira muri Kristo kubwo kwifatanya n'itorero ? ese twinjira muri Kristo kuko twagize kwatura ko kwizera? Ni gute twinjira muri Kristo? 1 Abakorinto, igice cya 12: " ariko ibyo byose, mu mwuka umwe", (umwe, bwite U-m-w-u-k-a, bivuze Umwuka Wera,) " twese twarabatijwe, ngo twinjire mu Gihugu cy'isezerano."

18 Mur'icyo gihugu cy'isezerano, byose n'ibyacu; mu gihugu cy'isezerano. Ibyo murabibona, Mwene Data Collins? Murabona, ibiri mu gihugu cy'isezerano byose, nyuma yuko Isiraheli yambuka Yorodani maze bakinjira mugihugu cy'isezerano, bararwanye kandi bigarurira byose..

Noneho, mwibuke, kuba muri icyo gihugu cy'isezerano, ntibishatse kuvuga ko mukingiwe uburwayi, ntibishatse kuvuga ko mukingiwe ibyago, ariko murebe icyo byerekana (yoo! Ibi byinjire mu ntango) , murebe icyo bishatse kuvuga: ni ibyanyu! Muhaguruke gusa, maze mubishyikire! Murabona? Ubwo ibyo...

19 Kandi, mwibuke, igihe cyonyine Isiraheli yigeze ibura umuntu, ni igihe icyaha cyabaga cyinjiye mu ngando. Niyo nyirabayazana ishobora gutuma tubura u-ukunesha: ni igihe icyaha cyinjiye mu ngando, nibwo gusa haboneka ikitagenda ahantu runaka. Ubwo Akani yibaga amabuye y'agaciro n'umwitero wa Shineya, icyaha cyari kinjiye mu ngando, maze urugamba rurakendera.

Mumpe iri torero ritagira ikizinga uyu mugoroba, iryo tsinda ry'abantu, ritunganye, bitunganye, mw'isezerano ry'Imana, rifite Umwuka Wera, rigendera mu Mwuka, nzamagana uburwayi bwose, imibabaro yose, cyangwa icyo aricyo cyose, buri Joe Lewis mu gihugu ,n'ubutizerwa bwose, n'abatizera bwose babaho; kuzana uburwayi runaka, cyangwa umubabaro muri iki cyumba kandi bazagenda genda neza hano mu buryo butunganye , nibyo, mugabo. Imana yatanze isezerano; icyaha cyo kutizera gusa nicyo gishobora kurizitira, noneho tugiye kureba icyo iki cyaha aricyo, mu kanya. Rero:

... abari muri Kristo. Ubuntu n'amahoro biva ku Mana Data n'Umwami Yesu Kirisito! Hashimwe Imana Data y'Umwami wacu Yesu Kirisito, ariwe waduhereye muri Kristo, imigisha yose yo mu ijuru.

20 Iyo turi muri Kirisito, dufite imigisha y'Umwuka. Hanze ya Kristo, tugira kwiyumva. Muri Kirisito, dufite imigisha y'ukuri, atari uguhanga kwizera, atari ukwisanisha, ariko, igihe cyose mushaka kumera nkaho

muri mu gihugu cy'isezerano kandi mutarimo, ibyaha byanyu bizabagarukira. Kandi mbere y'igihe kirekire muzisangana ishavu, (nkuko tubyita mw'isi) muzabona ko icyo muvuga mutagifite. Ariko igihe muri muri Kirisito-Yesu, yabasezeranije amahoro y'ijuru, imigisha y'ijuru, umwuka w'ijuru; byose ni ibyanyu. Muri mu gihugu cy'isezerano kandi mwigaruriye ikintu cyose. Amen. Mbega uko ari byiza! Yoo! Reka tubyige.

Yadutoranirije muri We...

Noneho, ni hano itorerero ryatanye. (achoppée.)

Ni muriwe Imana Yadutoranirije...

Muri Nde? Muri Kirisito!

21 Mbese, tubonye ko, dusubiye mw-mu Itangiriro no mu Byahishuwe, Ibyahishuwe 17.8, yadutoranirije muri Kirisito mbere yuko Isi ishyingirwaho urufatiro. Nuko, Ijambo....mureke nsome umurogo ukurikira.

....urufatiro rw'isi, kugira ngo tube abera n'abaziranenge imbere Ye.....

Yaduteganyirije mbere...

Noneho, ndashaka guhagarara kuri iri Jambo: guteganywa. Byiza, gukoranya, s'ukuvuga ngo: "nzahitamo Mwene Data Neville, maze si-si-si-si- sinzahitamo Mwene Data Beeler." Ntabwo ari byo . ni kubwo kumenya mbere kw'Imana, yamenye uwajyaga gutungana, n'utajyaga gutungana. Mbese, kubwo kumenya mbere kwayo, Imana, izi icyo igiye gukora, yarateganyije, mu kumenya mbere kwayo, yatumye ibintu byose bifataniriza hamwe kuzana ibyiza ku bakunda Imana, kugira ngo mu gisekuru kizaza ibashe guhuriza ibintu byose hamwe mu muntu umwe ariwe Yesu Kirisito.

22 Munyemerere mbibashushanyirize ho gato, hano. Ni byiza. Dusubiye inyuma..(ndatekereza ko nabivuzeho gato cyangwa kubikomozaho ijoro ryahise) mu Itangiriro, igice cya 1,1.26, ubwo Imana yihaga izina " Uwiteka Imana", ni mw' ijambo El, Elah, Elohim, bishatse kuvuga " Uwibeshejeho kubwe." Ntacyariho kitari Yo gusa. Nta mwuka wariho, nta rumuri rwariho, nta nyenyeri zariho, Isi ntiyariho nta n'ikindi cyariho. Hari Imana, kandi Imana yonyine: El, Elah, Elohim, nuko, niwe wabikoze.

23 Aho muriyo, hari ibiyigize, bivuze ko yari i..Muriyo El, Elah, Elohim nkuru, hari ikiyigize cyangwa i....muzi icyo ingingo ari cyo? Cyangwa, reka mvuge gutya, yari ifite "Kamere". Iyo, ni ukugira ngo abana bato babyumve. Nanjye, nd'umwe murabo bana bato bagomba kubyumva, muriyo mvugo.

Muri Yo imbere, yari ifite kamere yo kuba Data. Ariko yari ibayeho yonyine, ntacyariho ngo gitume iba Data. Nuko, muriyo imbere, yari ifite ikindi kintu, yuko yar'Imana. Kandi Imana, ni ikintu kiramywa ; Yo yariho yonyine, EL, Elah, Elohim. Ntacyariho cyo kuyiramywa. Imbere muri Yo, Yari Umukiza; kandi ntacyo gutakaza yari ifite, ngo ibashe gukiza. Murabona? Imbere muri yo, Yari Umukiza w'indwara, murabona? Ariko ntacyo kurwara cyari gihari, cyabasha gukiza, ntakibasha kurwara. Noneho, murumva uko bimeze? Ni Ibiyigize byayo, ni kamere Yayo yabyaye ikiriho cyose uyu muni.

24 Hari abantu baravugaga bati: "ubwo se, kuki Imana itahagaritse ibintu hariya mw'itangiriro?" "N'umugome ", ari Joe Lewis uvugaga, uwaciriye Joe urubanza, cyangwa Jack Coe, Murabona? Yagize ati: "ntakindi yari cyo usibye umugome, Imana ntibaho. Niba ibaho, izaba...." Yo ! Nda...yayise amazina yose abaho, murabona? Ariko ibyo byose, nuko ashobora kuba fite ubumenyi bwinshi hejuru aha; ariko ntacyo afite hasi aha.

Niho biherereye, murabona? Iri Jambo ribivugaga hano, kandi Imana yarabihishe. N'ubwo bwirubwarahishwe: noneho, mwibuke, Bibiliya ivugaga ko: "kuva isi yashyingirwaho urufatiro, hategerejwe guhishurwa kw'abana b'Imana", kugira ngo aberekane kw'itorero. Yoo ! Mbega ! Murabyumvise?

25 Byiza, ndahagarara ku nkuru yanjye ho gato, cyangwa ngiye.. ngiye gufata ingingo ikurikira mfite mu mwuka kugeza mbigezeho. Noneho, mwibuke, mu bisekuruza byose, mu gisekuruza cya Mose, mu gisekuru cy' abahanuzi, mu bisekuruza byose, bari bategereje ko ibi bintu bisohora mu muni ya nyuma, bihuye n'ibyanditswe (Nibyo), kugira ngo bihishurirwe abana b'Imana. Kubera iki? Kuva ku.....kugeza, ni nka Piramide, nkuko nabivuze, yubakwa, yegeranye, yegeranye.

26 Kenshi nkora iryo sesengura, nkavugaga ko Imana yakozwe Bibiliya eshatu. Iyambere, yashyize mw'ijuru, Imibumbe (Zodiac). Mwari mwabona Imibumbe? Ni ikihe kimenyetso cyambere cy'imibumbe? Isugi (Vierge.) Ni ikihe kimenyetso cya nyuma cy'imibumbe? Intare (Lewo). Ubwa mbere iza, yaje binyuze mu Mwari. Ubwa kabiri iza, iza nk'Intare yo mu muryango wa Yuda. Murabona?

Yanditse indi Bibiliya muri Piramide (Pyramide), hariya mu gihe cya Enoki, ubwo bubakaga Piramide. Maze bakazipima. Ntabwo nabisobanukirwa. Ariko, ku bijyanye n'intambara aho bacaga bugufi, bakagendesha amavi ku ntera runaka, no gushobora gupima intera iri gahati y'intambara ebyiri. Muzi aho bariho mu kugera kwabo ubu? ,...mu cyumba cy'umwami. Kandi uko iyi piramide ijya hejuru mu burebure....ntitwashobora kuyubaka, nubwo uyu muni dufite byose . ntitubasha kubyubaka.

27 Zubatse zijya ejuru, nk'igisenge cy'inzu ifite agasongero, ariko ibuye risakara, ntiryigeze riboneka. Piramide ntiyigeze isakarwa. Ntabwo nzi ko mubizi cyangwa mutabizi, ariko piramide nini ya Egiputa ntiyigeze igira ibyuye ry'agasongero hejuru yayo. Kubera iki? Ibuye ry'agasongero ryaranzwe, Kirisito, ibuye ry'impfuruka, murabona? Ryaranzwe.

Ariko, uko dukura binyuriye ku gisekuruza cy'Abaluteri igisekuru cy'Ababatiste, igisekuru cy'Abametodisite, igisekuru cy'Abapantekote, ubu tugeze kw'ibuye ry'agasongero, murabona? Duhanze amaso kandi dutegerezaniye amatsiko yo kubona iryo buye ry'agasongero ko rishyirwaho, inyubako yuzuye. Ese ntimurasoma mu Byanditswe, ko " Ibuye rwanzwe" ? ntagushidikanya, turumva neza ko irivugwa ari iry'urusengero rwa Salomo. "Ahubwo, Ibuye rwanzwe ryahindutse irikomeza impfuruka." Ibi mbivugiye kubereke ishusho yabyo.

Byiza, kandi muri Bibiliya, turi mu minsi yanyuma, ku gasongero ka Piramide, ifi zisobekeranye z'igisekuru cya Kanseri mu mibumbe, mu gihe cyo kuza kwa Lewo, intare, ibuye ritwikira, kandi mugihe cyo guhishurwa kw'abana b'Imana, muri Bibiliya. Murabona? Murabona aho turi? Turi neza neza mubihe bya nyuma.

28 Bangahe basomye ikinyamakuru muri iki cyumweru, icyo Khrouchtchev hamwe n'abandi bavuze? Yoo! Bariteguye; natwe nuko?. Amen. Muri i...byose biragenda. Yoo! Mbega-mbega-mbega amahirwe, mbega umunsi! Iyaba abakristo bashobora gusa gutekereza ku munsi turimo. Yewe wee!!

Mutekereza, iki ku mwanditsi w'iki gitabo, wabibonye, kandi yabonye ko bizahishurwa mu ninsi ya nyuma...? Ahanze amaso no kuniha n'amatsiko menshi yo kubona abo bana b'Imana bazahaguruka mu minsi ya nyuma, hamwe n'Imbaraga z'Umwuka Wera kw'iherezo ry'Ibisekuruza, kubwo guhishura ibintu byagizwe amabanga kuva isi yashyirwaho urufatiro, no kubyerekana...

29 Noneho, dusubire hariya ku rufatiro rw'Isi ngo dushobore kubona guhishurirwa, ngo turebe niba turi mu kuri cyangwa ntako. Nizeye ko nta shyano naba nkoze nise Imana "Papa", ariko, nshaka kubivuga gutyo ngo mubyumve. Papa ! Papa yashatse abana; nuko, yakoze iki? Yaravuze ati: "habeho abamalayika" maze baraza imbere Ye. Yoo ! Ni byiza. Baramuramya, ubwo yabaye Imana, ibiyigize. Mwibuke, yari El, Elah, Elohim, uwibeshejeho kubwe. Ntakindi usibye Yo, icyabanje mbere bari abamalayika. Uwo mwanya, abamalayika, icyo bashoboraga gukora, n'ukuramya. Ntibashoboraga kuzimira, ntibashoboraga kurwara, byari ibiremwa bidapfa. Ntiyashoboraga kuba yagaragaza Imbaraga zayo zo gukiza, ntiyashoboraga kugaragaza agakiza kayo. Nuko rero, mbere....noneho

30 Nuko, hanyuma, nyuma y'ibyo, yaravuze iti: " Tugiye kurema ikintu gifatika." Rero, yaremye Isi. Ubwo yaremaga Isi, yaremye ibiremwa byose byo kw'Isi, hanyuma, irema Umuntu. Ibyo yaremye byose mu butaka; itangirira ku muhini, cyangwa, ifi itagira urutirigongo, ibifite umubiri wo koga mu mazi, ihera aho..nyuma y'ibyo, igikeri, ikinyabuzima gito tuzi kiriho,ishusho irenze ni inyokomuntu. Hanyuma y'igikeri, imiserebanya. nyuma y'umuserebanya gutyo, gutyo, igihe cyose Umwuka Wera utangirira kuri : woooouuuh, ubuzima (guhumeka) bukagaruka, " whuuu" ishusho y'ubuzima bukomeye. Nuko, hari ikintu cyari mw'ishusho y'Imana, yari 'Umuntu. Ntiyigeze habaho, ntihabayeho, nti hazagira ikiremwegera kirenze Umuntu. Kuko umuntu ni ishusho y'Imana, murabona? Umuntu..

31 Igihe yaremaga umuntu wa mbere, rero, ubwo yaremaga ibiremwa by'abamalayika, yaremye umuntu: " irema umugabo n'umugore", bese ari ikintu kimwe. Yari umugabo n'umugore icyarimwe. Ikigore n'ikigabo. Ubwo yaremaga Adamu nuko ikamushyira mu mubiri, mwibuke, mu Itangirio1, yaremye umugabo n'umugore. Maze mu Itangirio 2, nti hari umuntu wo guhinga ubutaka. Nta muntu w'umubiri, nta muntu wo gufata ikintu no guhinga ubutaka, nyamara hari umuntu mu ishusho Ye. " kandi Imana ni..." [Iteraniro riti: " Umwuka." UMW] nibyo neza, murabona?

Yaremye umuntu wa mbere: " Umugabo n'umugore, irabarema." Rero, igihe yaremye umuntu wa mbere,

32 Noneho, mwibuke, ibyo byose yari ibifite mu bitekerezo byayo, kandi kucyumeru nimugoroba, nabivuzeho. I-Ijambo, n'igitekerezo kigaragajwe, Imana yatekereje uko yaba Imana, uko yaramywe, uko yaba umukiza w'indwara. Uko yaba umukiza; ubwo yavuze Ijambo biba birahamye igihe cyose. Yoo! Iyo nibura abahungu b'Imana b'uyu munsi bashoboraga gushikama kw'iryo Jambo gutya. Iyo Imana ivuze Ijambo, ntakindi! Ntibikuka! Ishobora gutegereza...abanyamateka bavuga ko, Yo ! Abacukumbuzi n'abandi, bemeje yuko wenda ko Isi imaze imyaka Miriyoni na miriyoni na mir...simbizi, ishobora kuba imaza za miriyari z'imyaka. Sinamenya igihe imaze. Imana ntibaho mu bihe. Kuri yo Nta munota ifite kurusha igihe yabivugaga, ihora ari Imana. Kuri Yo, igihe ntikiriho.

Sinigeze mbyumva gutya mbere y'irindi joro, nako ikindi gitondo. Uwituka: ntahashije, ntahazaza, byose ni none. Mwari mwamenya inyito " NDIHO" ? atari " Nari" cyangwa " Nzaba". N'Uwituka, " NDIHO" ! Murabona, " NDIHO" igihe cyose!

33 Byiza, ariko yashatse gushyira ibintu mu gihe. Byari ngombwa ko ishyiraho igishobora kuyirama.

Nuko ibiyigize byabibyaye. Hanyuma, yaremye umuntu. Kandi uwo muntu, yari wenyine. Nuko rero, mu kugaragara igitekerezo byayo bikomeye aho, ishusho ya Kristo n'iy'itorero, ntiyafashe ibumba ngo ireme umugore, ahubwo, yafashe urubavu rw'Adamu; ifata ku mwuka wa Adam, umugabane wa kigore nuko iwushyira muri rwa rubavu. Iyo ubonye umugabo witwara kigore, afite ikibazo muri we. Kandi iyo ubonye umugore ushaka kwifata nk'umugabo, afite ikibazo muri we. Murabona? Hari ikitagenda neza. Ni imyuka ibiri ihabanye, ariko byombi hamwe birema ikintu kimwe: "abo bombi ni Umwe." Mbese, yaremye umugabo n'umugore, kandi ntibagombaga kuzigera basaza, nta gupfa, ntakumera imvi, nta...bararyaga, baranywaga, bararyamaga, neza neza nkatwe; ariko ntibari bazi icyaha ngo n'iki.

34 Noneho, ngiye kunyarukira gato hano, mu nyigisho yindi, ku rubyaro rw'inzoka. Ibyo nabyo, bansabye ko nabikura mu bantu. Ariko hari uza anyereke ko atari ukuri. Nicyo nshaka kumenya. Murabona?

Rero, ariko, hanyuma, nyuma y'ibi byose, iyo icyaha cyinjiye, hanyuma, bigenda bite?

Hariya hejuru cyane, hejuru hariya, mu mamiriyoni, na miriyoni y'ibihumbi, hari icyanya kinini cyane, kandi n'urukundo Agapao, urukundo rutunganye. Igihe cyose muteye intambwe imwe mwerekeza mur'icyo cyerekezo, bifungana ho gato. Rero, muzi uko birushaho kuba bito iyo bigeze kw'isi. N'igicucu cy'igicucu cy'ibicucu. Nicyo mufite, nicyo mfite, igicucu cy'igicucu cy'ibicucu cy'urukundo Agapao.

35 Hari ikintu kiri muri mwe, hari ikintu muri buri mugore hano umaze imyaka makumyabiri, hari ikintu kiri muri buri mugabo hano urengeje imyaka makumyabiri, gituma ushaka kuguma aho. Mumaze imyaka itanu gusa, ni kuva ku myaka cumi n'itanu kugera kuri makumyabiri. Nyuma yaho, mutangira gupfa, ariko nko muryaka cumi n'itanu, uba uri ingimbi, umwana. Hanyuma y'ibyo, urakura ukageza kuri makumyabiri, maze nyuma ya makumyabiri, Yoo ! Uravuga muti: "ndacyari umusore utyaye." Uvuga utyo, ariko ntabwo uri we, uba uri gupfa, kandi ushiraho, ibyo wakora byose, Imana yaragukujije kugeza kuri iyo myaka, ariko nyuma, ugiye gupfa. None, bigenda bite? Rero, mutangira gupfa, ariko imbere muri mwe, hari ikintu kivuga kiti: " ndashaka gusubirana imyaka cumi n'umunani."

36 Noneho, nshaka kubabaza ikibazo, iyo muza kuvuka mu myaka magana atanu yashize. Maze ukaba waragumye ufite imyaka cumi nitanu kugeza ubu? Ukaba utari uwahahise ufite ibitekerezo bingana n'imyaka magana atanu. Na mbere yuko umuzungu wambere agera ino; ukaba wari agakobwa gato gafite ibitekerezo nkiby'icyo gihe. Reka turebe, kaba kakubayeho, byakabayeho byiza, iyo uba uri umukecuru w'imyaka magana atanu. Murabona, hari ikitagenda.

Muravuga: "byiza, ubu, ndiyumva neza, mwene Data Branhamu. Yoo ! m-m-mfite imyaka cumi numunani, mfite cumi n'itandatu, meze neza rwose." Ncuti reka ngire icyo nkubwira. Ni iki kikubwira ko nyoko iyo aba atari muri iri teraniro, ko ariho kuri uyu munota? N'iki kikubwira ko incuti yawe itamaze kwicwa mu kanya gashize, cyangwa se mugenzi wawe? Ni iki se kikubwira ko uva hano uri muzima muri iri teraniro? Ntabwo bizwi neza. Ntakintu gisobanutse. Niba ufite cumi n'itanu, n'ibiri, n'icyenda, mirongo irindwi n'itanu, cyangwa mirongo icyenda, byose n'amayobera. Ntimuzi aho muhagaze. Ariko nyamara, mwifuzaga gusubirana imyaka cumi n'itanu, cumi n'umunani. N'iki kibatera gukora mutyo?

37 Rero, musubiye mu myaka ya cumi n'umunani, mukaguma gutyo, ntimwigere murwara maze ntimuzigere...mwakabaye muri kumwe n'abandi bantu hamwe namwe; rero, mwatakaza urungano rwanyu. Murabona? Abantu bakomeza mu bindi bisekuru maze mukaba amateka. Mwaba muteye agahinda kuruta uko mwasazana nabo. Ariko hari ikintu muri mwe gisaba ibyo. N'agace gato ka Agapao, ako gacucu gato gatuma...ikintu kiri hejuru y'aha.

38 Rero, irindi joro cyangwa se, ikindi gitondo, saa moya, ubwo Umwuka Wera, mu bwiza Bwawo n'ubuntu Bwe, yankuye muri uyu mubiri, ndabyizeye ? (ndabyizeye, ko ari byo cyangwa atari byo, ntabwo mvuze), maze ninjira muri icyo gihugu, nuko mbona abo bantu aho, bese bari urubyiruko. Kandi nabonye abantu bafite ubwiza ntigeze mbona mu buzima bwanjye. Nuko arambwira ati: "bamwe muri bo bari abakecuru b'imyaka mirongo icyenda. Ni abo wigishije. Ntibitangaje ko bakwita bariyamira: 'Mwene Data ! Mwene Data!' "

Rero, uwo, n'umubiri wo ku isi, iyo dupfuye, ntiduhinduka imigani; duhinduka umubiri. Igisasu cya kiramutse kiramutse kiturimbuye aka kanya tugapfa, mu minota itanu ikurikira twaba turamukanya bamwe kubandi aho, twiyamira, turira, duhimbaza Imana ! Yego, yego. Kandi mwenedata na mushiki wanjye Spencer, bicaye hano, ndatekerezako bari mu bashakanye kera hano, bagira imyaka cumi n'umunani, makumyabiri. Mwenedata Neville yaba umusore muto, najye nzaba agasore gato. Natwe twese tuzaba... uko n'ukuri rwose. " iri hema dutuyemo kw'Isi nirisenyuka, dufite irindi ridutegereje."

39 Iyo, uruhinja ruvutse, nkuko kuvuka bigenda hano kw'Isi, umubiri uranyeganyega ugasimbagurika n'ibindi. Mwishanganire imivugire, mwebwe nkumi, nyamara, mur'ako kanya, ni ubuzima buba buri mu mubice by'umubiri butuma bisimbuka. Ariko iyo bije kw'Isi, ikintu cya mbere, gifata umwuka w'ubugingo, kandi hari umubiri w'umwuka wa kamere, winjira mu ruhinja mur'ako kanya. Noneho Mureke, uwo mwuka uzafata umutwe we uwujyane mu gituza cya nyina maze rutangire konka. Bitagenze gutyo, n'amashereka ntiyaboneka.

Mwari mwita ku nyana , iyo ivutse, ru.....kugira ngo ikomere kurushaho ngo ihagarare ku maguru yayo ? ninde ubiyibwira ? ikinagira iruhande rwa nyina, itangira guhagarara impande maze igatangira konka, Oh!, yego !

40 Kubw'ibyo, iyo uyu mubiri dufite uje kw'Isi, hari umubiri w'umwuka uwutegereje. Maze hanyuma yuko...Yo! Haleluya ! " n'iyi ngando ndutuyemo kw'Isi nisenyuka, hari indi idutegereje hariya." Ubwo tuzava mur'iri hema, tuzinjira muri riry; ni umubiri udakeneye amazi akonje yo kunywa, ntakundi kongera gukenere kunywa amazi; mur'uwo mubiri ntibarya, ntibaremwe mu mukungugu wo hasi. Nyamara bariho, ushobora kubakoraho, wabaha ikiganza, babasha gukunda, kandi byose biratunganye. Kandi uwo mubiri urategereje aho. Ni umugabane wabyo, hari batatu muri bo.

41 Mutangirira ubuzima bwanyu bw'iteka hano ku gicaniro . ni hano mutangirira iteka. Yo! Murangirira uzima bw'iteka hano. Ukavuka bwa kabiri, umwana w'Imana. Hanyuma, wapfa, ugatangira...iyo utewe n'urupfu, mur'uyu mubiri, umutima ukareka gutera, imiyoboro y'umubiri igatangira guhararara, cya gicucu cyari icy'igicucu, isegonda rimwe nyuma, gihinduka igicucu cy'igicucu, hanyuma yaho gihinduka igicucu, nyuma kigahinduka igitonyanga cy'amazi, hanyuma kigahinduka ikidendezi, nyuma kikaba umugezi nyuma kigahinduka inyanja, noneho kundunduro y'igihe, ukaba mu bwiza bw'Imana bw'abawe, aho, ukambura umubiri wo kw'Isi uwo muziranyeho, uwo mukundaniramo. Mugahindurwa abasore n'inkumi, nibyo neza neza. Uwo mubiri utegereje kuza kw'Umwami Yesu. Kandi umunsi umwe, uwo mubiri uhawe ubwiza wa... Noneho, mwibuke, ni umubiri wo kw'isi, ntwabwo wahawe ubwiza, umubiri wo kw'isi. Kandi umunsi umwe, uyu mubiri wo kw'isi uzarenga ijuru hamwe na Yesu

42 "Reba, iki ni cyo tubabwira," 2 Abatesalonike, igice cya 5, cyangwa 1 Abatesalonike, igice cya 5, ni hamwe cyangwa ahandi, " nzababwira: sinshaka, bene Data, ko mutamenya ibyerekeye abasinziye, kugira ngo mutababara, nk'abatagira ibyiringiro. Kuko, niba twizeye ko yapfuye kandi ko yazutse ku muni wa gatatu, twizere ko abasinziye muri Kristo Imana izabazurana na We. Kuko ibi tubivugiye imbere y'itegeko ry'Umwami: twe abazaba bakiriho ubwo Umwami azaza kutujyana, ntituzabanziriza na hato abasinziye. Kuko impanda izavuga, maze abapfiriye muri Kirisito bazabanza bazuke." Iyi mibiri yo mu ijuru izamanuka yambare ubwiza . "natwe, tuzaba tukiriho, tuzahindurwa, mu kanya gato, ko guhumbya, tuzazamurirwa hamwe nabo, gusanganira Umwami mu kirere."

43 Sinzongera kunywa no kurya kumbuto z'imizabibu, kugeza ku muni nzawusangira namwe bushya mu Bwami bwa Data", ubukwe bw'Umwana w'Intama. Mu gihe cy'imyaka itatu n'igice ubwo ingoma ya Anti-Kirisito izaba irangiye, isi yose yarimbutse. Abayuda bahamagariwe gusohoka, Yozefu yimenyekanisha ku Banyamahanga , nako kuba Yuda. Mwibuke, ubwo Yozefu yiyerekaga bene se, nta munyamahanga wari uhari. Ubwo yoherezaga...

Muzi iyo nkuru. Yozefu, urugero rutunganye rwa Kirisito, mu buryo bwose. Kandi ubwo Yozefu ubwo benese bazaga, yaraje arareba abona Benyamini; ababona aho, nuko a..arababwira ati: "byiza, uyu mugabo ! Ntituba twarishe mwene Data Yozefu." Abayuda babonye ko bakoze ishyano; igihe Kirisito yabiyerekaga..nuko Yozefu yari yuzuye, ageze aho kuzenga amarira asohora umugore we n'abana be, n'abarinzi, n'abandi, abohereza mu ngoro. Nibyo neza. Nuko hanyuma, ubwo yari imbere y'Abayuda, yaravuze ati: "Ndi Yozefu, mwene so. Ndi mwene so." Bikubise hasi bahinda umushyitsi, baravuga bati: turabizi natwe ko twishe mwene Data. Twavuze ko twishe mwenedata niwe uyu Mwami ukomeye."

Yaravuze ati : " Imana yabikoze kubw'impamvu, ngo ikize ubuzima." Kandi ni nayo mpamvu imwe Imana yabikoze, ngo idukize, twe abanyamahanga, kuko, abanyamahanga bari mu ngoro. Haleluya ! nkuko yari yanze benese, Yozefu yafashe umugeni wari abanyamahanga, ntabwo yari umuyudakazi. Ni ukuri.

44 Byiza, mugiyeye kujyahe noneho? Nyuma yo kwambara uyu mubiri w'ubwiza, n'igisekuru gikomeye kizaza, ubwo uyu mubiri w'ubwiza, uyu mubiri wo kw'Isi uzakundurwa mo umubiri bw'ubwiza...murumva icyo nshaka kuvuga, noneho ? rero, nshobora kwegera imbere nkavuga nti: " Mwenedata Neville!" reka ngushushanyirize ho gato. Nkavuga: " Mwenedata Humes, tujya kwa Papa iki gitondo." Ni Imana. Noneho turamuzi, n'umucunguzi, n'umukiza w'indwara.

Ntihigeze habaho ibiremwa by'ibyaha, ibyo ntibyakiriwe neza, sibyo? Icyaha ntabwo ari ikiremwa. Oya, oya ! icyaha n'ugucurama. Ikiremwa ni kimwe gusa, n'Imana. Icyaha, n'ugukiranuka gucuramyeye. Ubusambanyi n'iki? N'ubukiranutsi bucuramyeye. Ikinyoma n'iki? N'ukuri gucuritse. Niko biri. Umuvumo n'iki mu maso y'Imana? N'imigisha y'Imana icuritse mo umuvumo mucyimbo cy'imigisha. Icyaha ntabwo ari ikiremwa. Icyaha n'ugucurama. Satani ntashobora mbese kurema icyaha, yacuritse gusa icyo Imana yaremeye. Niko bimeze. Urupfu ntakindi usibye ubuzima bucuritse.

45 Noneho, murebe neza, murebe neza. Ndakomeje rero ndavuga nti: " Mwenedata Humes, wowe najye, hamwe na mwenedata Beeler n'abandi benedata, tujye kureba Papa-Imana, maze dukore urugendo ruto. Inshuti, mwakundaga imisozi ubwo mwa..."

-Yego rwose, nibyo.

Yo ! aho hangana ma Mayiro ibihumbi bibiri , mur'iyoyi Si nshya, njya mbere, yitambagire.

Ngomba ku...?izuba iminsi yose, ngwino hejuru. Nzakumva, bataragira icyo bavuga, nzumva." Yesaya 66, Ni ukuri.

46 Kandi, murazi, ndi gutambagira n'amaguru aho, twese dutambagira aho, nko mu myaka magan'atanu. Urugendo ruto, cyangwa rwa miliyoni y'imyaka, ntacyo bihindura, murabona. Rero, ibyo byumvikana nk'ubupfu, ariko n'ukuri. Murabona? N'ukuri, kuko hariya nta gihe kibayo, n'Iteka. Kandi iyo ntambagira hariya, ubwo ntambagira hariya, muzi uwo mpura nawe hariya? Ndavuga nti: " byiza, dore mushiki wanjye Georgie Bruce ! nuko. Mushiki wanjye Georgie , nguheruka kera." Agisa uko yasaga. Murabona? Ashobora kuba amaze miliyoni z'imyaka, ariko akiri inkumi.

Araho , ari gushimaga, umuntu mu mugongo, ndareba aho nuko mbona Cheetah, intare. Ndavuga nti: " Biragenda gute iki gitondo, Cheetah?" 80. "nyahuuu!", nk'injangwe. "yo! Narindi yo aho, navuganye na bashiki bacu bamwe imbere y'indabyo nini ziriyo, twariyo mu myaka magana atanu, murabona? dutambagira aho" rero, ibyo byumvikana nk'ubupfu, ariko nikuri. Nibyo rwose. Niko Imana yabishatse.

47 Nuko, Imana ihe umugisha imitima yanyu, mushiki wacu Georgie. Nta kibi cyaza, ntana kimwe. Mugihe cy'umugoroba tuzazamuka ku gasongero k'umusozo, maze tuvuge duti: " O! Papa Mana, nari narazimie. Yo! Papa Mana, umunsi umwe nari mu gihu cy'icyaha, maze urankiza."

Rero, abantu bagerageza kuvuga ibi, bahindutse abasazi. Rero, uwo mugabo wanditse igice ya nyuma cy'indirimo " O Urukundo rw'Imana" wari yanditse mu rukuta rw'ikigo , wagerageje kugaragaza urukundo rw'Imana. Uko yitanze ngo akize abanyabyaha, n'ibyo yakozwe, Urukundo rwe, yaramanutse kubwo gukiza, mwe najye. Muvuga ibyo kuramya ! amabalayika ibyo ntibabizi ! kuramya...U-u-uuumumalayika, icyo azi nughagarara aho agakubita amababa aguruka, wenda se imbere, cyangwa se inyuma, hose : " Haleluya ! Haleluya !" ariko, Yo ! imbabazi ! iyo bigeze aho kumenya ko nari narazimie, ko noneho nakijijwe, ko nari narapfuye nkaba narazuwe ! yo! Mana, nar'icyaha, nari nanduye, nari mw'isayo!

48 Reba, icyiza ubuzima bushobora kuguha. Mwari mwanjya mu ngarani yaColgate? Niho hantu hanuka nigeze ngera. Urwo ruvunderi rushaje rw'itabi, iyo nduhumetse rumpumanya . Kuhaguma, urwo ruvunderi rw'umwotsi rwaguhumanya rigahinduriza igifu cyawe. Nyuma yo gufata amavuta ya Ricini. Murabona? Bishobora kugutera uburwayi ! imbeba zikakwirukaho, hose, zishaka kukurigata. Kandi ibyo, nibwo buzima burenze. Hanyuma, numuntu umuntu agufashe ikiganza akaguhagurutsa , mubyukuri ur'umusaza udashoboye, akakuzamura akagusubiza kuba umusore w' myaka cumi n'umunani, akagushyira ku musizi hejuru, n'ubuzima buryoshye. Mbega ! we! Hamwe n'umwuka mwiza n'amahumbezi, ese washaka gusubira kuri ya ngarani? Oya ,mwenedata, reka reka rwose, ntagusubira ku ngarani.

49 Noneho, iki nicyo bisobanura, nshuti zanjye. Reba icyo iryo yerekwa ryari cyo,(cyangwa igisobanuro, icya ri cyo cyose, iyerekwa, ndavuga iyerekwa, kuko ntinya ko byakomeretsa umuntu kuvuga igisobanuro) rero, har'ubwo Imana,...icyo Imana yakozwe kugira ngo yirehereze abahungu n'abakobwa bayo kuri Yo, none, abo bantu ni bande? Ni gute bigeze? Abo bantu niki bakoze ngo babe babikwiriye? Babikoze gute? Imana, mw'itangirio, mbere y'uko na malayika aremwa...ni bangahe bazi ko itagira iherezo?

Noneho, mwe bavandimwe b'ubutatu, ntabwo nshaka kubakomeretsa, ahubwo ni gute, mw'izina ry'Ijambo ryiza ry'Imana, mushobora kugera ubwo mugira Yesu undi muntu utandukanye n'Imana ubwayo? Iyo Yesu aza kwemera gufata undi muntu ngo imwohereze gupfa, ngo acungure abandi bantu, yari kuba acumuye. Uburyo bumwe gusa Imana ishobora kubikora, n'ugufata uwo mwanya ubwayo !maze Imana ihinduka umubiri ngo abashe gusogongera ku mubabaro w'urupfu, ngo idukize urubori n'urupfu, kugira ngo ducungurwe na Yo ubwayo...ngiyoyi impamvu, ahimbazwa cyane. Yesu yari umuntu, nibyo rwose. Yar'umuntu wabyawe n-n'umwari Mariya. Ariko umwuka wari muri we war'ukuzura kw'Imana. Kuzura k'Ubumana kose kwari muri We. Yari Yehoha-yireh, yari Yehova-Rapha, yari Yehova-Manasse, Ingabo yacu, igihome cyacu, muganga wacu, yari Alpha, Omega, Itangiriro n'iherezo, yari uwa mbere, uwanyuma, Uwari, uri, uzaza, igishyitsi n'urubyaro rwa Dawidi, inyenyeri yo mu gitondo, yo ! Yari Byose muri Byose. Kuzura kw'Ubumana kose kwari muri We.

50 50.Kandi urupfu rwari rufite urubori, urwo rwateraga abantu. "Ah" satani ati, " ndagufite, kubera ko wanteze amatwi. Ngiye kugurya, ngiye kugushyira mu gituro. Ayo maraso y'intama, ntacyo yagufasha, usibye kuba ar'ay'inyaswa gusa." Ariko Imana, mu buhanga bwayo, yar'Izi ko Umwana w'Intama azaboneka, watambwe kuva Isi yashyirwaho urufatiro, nibyo, mugabo, kandi yategereje icyo gihe, ko igihe gikwiye gishyika.

Ariko, umunsi umwe, ubwo uwo Mwana w'Intama aza, uwo muntu, Satani arashoberwa. Arareba, aravuga ati: " niba ur' Umwana w'Imana, kor'ibi. Niba ur'Umwana w'Imana, kora igitangaza, maze ndebe ko ugikora. Yego, Yego, (uh.uh.uh ndashyira igitambara ku maso he) ngiye kugukubita. Niba ur'Umuhanuzi, tubwire ugukubise." Hmm ! " Sinizera ko ari Wowe. Niba uri Wowe, tubwire weruye, niba uri Wowe."(Murabona, byose gutyo,) " Yoo, tubwire niba uri Wowe! ." Ntiyigeze abumbura umunwa. Yoo!

Yoo, bamupfutse igitambaro mu maso!

51 Ahindikirira abigishwa be, aravuga ati: " nshobora kubwira Data, maze akanyohereza rejiyo cumi n'ebiyiri z'aba malayika." Pilato ntiyigeze abyumva, murabizi.

"Niba Ari wowe ! niba Ari wowe! Yo ! ntabwo ari We, rwose, Dore aravirirana. Yewe, abasirikare bamwe muri mwe, bajya aho bamucira mu maso." [Baramuciriye, baramuseka, bamupfura ubwanwa bwuzuye ibiganza.] " Yo! Ntiyari....oya, ntabwo ari We ! ngiye kumutera urubori rwanjye, mbese. Ndamujyana hariya. Ndagufite noneho !"

Ubwo yari hariya ataka : " Eli ! Eli ! Mana Yanjye ! Mana yanjye !" uwo yar'umuntu. " ni kuki undetse?"

Mu gashyamba ka Getsemani, gusigwa kwamuvuyeho, murazi, yagombaga gupfa nk'umunyabyaha. Yapfuye nk'umunyabyaha, murabizi; ntabwo ar'impamvu y'ibyaha bye Ubwe, ahubwo kubw'ibyajye n'ibyanyu. Aho niho urukundo rwaserutse; yafashe ibyaha byanjye ! Yo ! Haleluya, yafashe ibyanjye !

52 Kandi yar'aho, ntiyashoboraga kubumbura umunwa, Satani ati: " urabizi, ndizera ko yar'umuntu usanzwe. Ntiyabyawe n'umwari, rero ndatera urubori rwanjye muri We."

Nuko, aregera, Amwinjizamo mo urubori rwe, ah, ariko kur'iyi nshuro yaribeshyaga ! Yafashe urwo rubori ararushikuzi. Kuv'ubwo, ntiyaba agishobora kurutera. Arusiga aho. Yazutse ku muni wa gatatu, maze aravuga ati: " Nd' uwari warapfuye, ariko noneho ndiho, ndi muzima mporaho ibihe byose, mfite imfunguzo z'urupfu n'ikuzimu." Yego, yego, Satani yananiwe kumenya Uwariwe. " kandi kuko Ndiho, namwe muzabaho. Ntiyaba akigaragara..."

53 Umunsi umwe, hanyuma y'iminsi itatu cyangwa ine, nyuma y'uko azamutse ajya kwa Data; yaragarutse, hari abavuze bati : "Yo ! ni umu...agomba kuba ar'umuzimu. Bashobora kuba bagira ikintu cy'umuzimu iwabo w'uyu Mugabo. icyo mwabonye hariya, cyari iyerekwa.

-oya, niwe Yesu w'ukuri.

Toma ati: " reka ndebe ibiganza Bye n'ibindi, ndababwira ko ari We."

Aravuga ati: " Mundebe." Aravuga ati: " Hari imitsima n'amafi, mufite aho? Mumpe umugati umwe." Nuko bamuga umugati, ahagarara aho arawurya, aravuga ati: " Ese none, umuzimu aya nka Jye? Mbese umuzimu ugira w'umubiri n'amagufa nk'ibyo mfite?" murabona? Aravuga ati: "ndi We, ni Jye."

54 Kandi Pawulo, yaravuze ati: "cyakora umubiri tuzagira ntabwo nturerekanwa, ariko tuziko tuzagira umubiri usa n'Uwe," uwuhe? Yigeze igira uwo mubiri wa Teofani? Yego, mugabo ! ubwo yapfaga, Bibiliya ivuga ko (ni ikinyabumwe) yagiye I kuzimu, maze abwiriza ubugingo muri gereza, Haleluya ! ni gute yabikoze? Yari afite icyumviro cyo gukorakora, yar'afite icyumviro cyo kumva, yar'afite icyumviro cyo kuvuga, yabwirije ari mu mubiri nk'uwo nabonye babantu bahawe ubwiza irindi joro. Yabwirije ubugingo bwari ikuzimu, butari bwarihanywe ubwo kwihangana [kw'Imana] kwongejwe mu minsi ya Nowa.

Ariko ubwo yazutse, kuri Pasika, ntibyashobokaga ko uwo mubiri ubona kubora, kubera ko Dawidi umuhanuzi yabibonye mbere: " sinzarekera ubugingo Bwe I kuzimu, kandi sinzakundira ko Uwera wanjye abona kubora. Kandi umubiri wanjye uzaruhukana ibyiringiro, kuko atazarekera ubugingo bwanjye I kuzimu, kandi ntazakunda ko Uwera wanjye abona kubora" maze ahagana mu masaha mirongo irindwi n'abiri mbere yo kubora, iyo Tewofani, uwo mubiri wagiye kubwiriza ubugingo muri gereza, butari bwarihanywe ubwo kwihangana [kw'Imana] kwarindiriye, mu minsi ya Nowa, barazutse, maze imibiri ipfa yambwara kudapfa, hanyuma arahagarara ararya; maze atubwira ko ar'Umuntu ! Hallulia!

55 Uko niko tuzamubona, Mwenedata Evans. N'icyo gihe azicara ku ntebeya Dawidi. Haleluya ! ubwo nibwo tuzatambagira n'amaguru, nzafata urugendo hamwe namwe tunyure mu misozi mu myaka miriyoni imwe, murabona? Bivuga, iminsi runaka, iminota runaka tuzagenda aho hantu, twicare aho.

Kandi, ihige cyo kurya nikigera, murazi, icyambere, mushiki wacu Wood yaravuze... "mushiki wacu Wood, urabona, wari he icyo gihe cyose? Sinigeze nkubona kuva....ndabona biza nkaho hashize iminota cumi n'itanu.

-yo! Hashize imyaka ibihumbi bibiri, Mwenedata Branhamu.

-yego, yego, uriyumva ute? Yo ! rwose birumvikana , ntabwo wakwiyumva atari neza.

" Vuga!, muze hano, bahungu, ngiye kubereka ikintu cyose, abavandimwe, benedata bakundwa. Reba, hano hari...isoko y'amazi, amazi arenze ayo mwigeze munywa . kandi, Oh! Tugiye kunywa amazi meza afutse. Nzasingira n'amaboko maze nakire, nzasoroma iseri ry'inziabibu rinini maze tuzicara aho maze turirye. Ntibizaba ari byiza? Ni ko biri neza neza, ni uko rwose.

56 Nigute ibyo tubyakira? Ni gute tubimenya? Imana, mbere y'Isi iremwa, Twarateganijwe ! Inde? Abari

mugihugu cy'isezerano. ...

twateganyijwe mu kugirwa abana kubwa Yesu Kristo..bijyanye n'uko yabishatse Kubw'ikuzo ry'icyubahiro cye...(Kugira ngo tubashe kumuramya yaravuze ati. Nicyo yari cyo, Imana, dushaka kumuhimbaza)

....ishimwee ry'icyubahiro Cye by'ubuntu yaduhereye mu Mukundwa we (Twemewe na Kristo)

Muri we, dufite gucungurwa kubw'amaraso, imbabazi z'i-b-y-a-h-a

57 Ni ngombwa ko nsubira ku kugirwa abana, ariko ndashaka guhagarara ku "Byaha" hano, umwanya muto." Ibyaha", mwarabibonye? Muziko Imana idacira urubanza abanyabyaha kuko bakoze icyaha? Imucira urubanza ko ar'umunyabyaha. Iyo umunyabyaha anyweye itabi, ntibimuhora, n'umunyabyaha; uko byagenda kose, murabona? Murabona? Nta byaha agira. Ahubwo nimwe mugira ibyaha, mwe bakristo. Murebye neza hano, birabwirwa itorero, nga aririndire muri gahunda. Murabona? Murabona? ." Imbabazi z' ibyaha". I-b-y-a-h-a, nitwe dukora ibyaha. Ariko umunyabyaha we n'umunyabyaha nubundi, Imana ntimubabarira.

58 Byiza, muravuga ngo: " ariko, yagiye hariya maze akubita umuntu. Mugiyeye kubikoraho iki?" ibyo, ntibindeba. Ntabwo nd'umugorozi, ntawabwo ndi umubwiriza. Itegeko rirabikemura, n'abagorozi, n'aba..nuko, muravuga ngo: " yasambanye." Ibyo bireba itegeko. Ibyo, biri hagati ye n'itegeko. Ntabwo ndi umugorozi, ntabwo ngorora abantu. Ndashaka kubahindura. Nd'umubwiriza, murabona, ibyanjye, n'ukumuzana ku Mana. Niba yakoze icyaha, ibyo biramureba, n'umunyabyaha. Imana imucira urubanza birengeye, n'umunyabyaha kw'itangira, acirwa urubanza kw'itangira. Ntari no ku rwego rwa mbere, ntahari, n'umunyabyaha kw'itangira, nta byaha afite, n'umunyabyaha.

59 Ntimushobora gusohoka maze ngo muvuge muti : " iki gice n'ijoro, naho iki cyo ntwabwo ar'ijoro." Oya, hose n'ijoro, hose n'ijoro. Nicyo Imana yavuze. N'ukuri, n'umunyabyaha ntakindi, n'ibyo. " rero, yakozze ibi. Kiriya gice, rwose n'ijoro rigaragara, aha." Ndabizi, ariko hose ni nijoro, ntabindi. Murabona?

Byiza, sinashobora kuvuga nti: "iki gice n'umucyo, hano." Oya, n'umucyo hose, murabona? N'umucyo, ntimushobora kuvuga ku rugero runaka ko ar'umucyo, murabona? Ariko hari umurasire w'umwijima hano, rero, harimo umwijima imbere.

60 Nuko, "ibyaha", i-b-y-a-h-a, dufite imbabazi z'ibyaha byacu kubw'(iki?) Amaraso, Amaraso Ye y'igicro.

...bijyanye n'ubutunzi bw'...

Tubibona gute? N'uko dukwiriye, nuko haricyo twakose kugira ngo ibyaha byacu bibabariwe ? iki Cye?

...ubuntu,

Mbega we! Ntacyo nzanye mu ntoke, Mwami. Ntacyo nashobora gukora, rwose ntakintu mbaga gukora. Mwumve ! Yaranteganyije ! Yarampamagaye, Yarantoraniye. Sinigeze Mutoranya. Niwe wantoraniye, Niwe wabatoraniye; Niwe wadutoraniye twese. Sitwe twamutoraniye, Yesu yaravuze ati: " ntimwigeze mutoranya, ninjye Wabatoraniye." Aravugaga ati: " nta ushobora kuza kuri Jye atarehejwe na Data, kandi abo Data yampaye bese baza kuri Jye, kandi ntan'umwe muri bo uzazimira, keretse umwana wo kurimbuka, kugira ngo ibyanditswe bisohore. " Murabona? Yaravuze ati: " Ariko, abo Data yampaye bese baza aho Ndi."

61 Yo ! ntwaye igihe cyinshi, sibyo? Kandi sinari nakarangije. Sinari nagatangiye ! reka ngire vuba, hari ikintu cyo ngomba kugeraho, hano, nihuse, niba tugira vuba. Ngomba kugaruka ku kugirwa abana, mu mwanya muto. Yo ! murambabarira, ho umwanya muto? Reka dufate ibi, hano...har'abantu baturutse kure, ba Georgie, ijoro ryose, Imana ibahire. Noneho, mwenedata wa Georgiya, n'uwa Texas, n'uwa he hose, mwumve umurongo wa 5. Dutinde kuri wo mu minota mike.

62 Yaduteganyirije kuba...Ijambo "kuba" rishatse kuvuga iki?, Ijambo,"kuba" ? risobanura ko hari ikintu turindiriye, " ngiye kw'isoko. Ngiye ku ntebe." Mwenedata Humes, urabyumva? " ngiye ku ntebe." Rero, yaraduteganyirije[murukundo rwayo] kuba abana b'abaragwa kubwa Yesu-kristo, bijyanye no gushaka kwe kwiza.

Ubushake bungahe? Icyo ubwo bushake bwari cyo, icyo iyo neza yari Yo? Ye; ukwifuzwa kwe kwiza k'ubushake bwe bwite !

63 Noneho, kugirwa abana n'iki? Nuko rero, mureke mfate ibi noneho, sinzi niba..simbona igihe cyo kurangiza ibi byose, ariko ngiye gukora ku ngingo nyamukuru. Hanyuma, hari ikibazo, mushobora kumbaza ho gato nyuma, mwitambuka ry'ubutumwa, ikintu runaka. Mwibuke. Kugwirwa abana kwanyu, ntabwo ri kuvuka kwanyu. Kugirwa abana kwanyu, nugushyirwa mumwaya kwanyu. Iyo mubyawe bwa kabiri, Yohana1.17, ndizera, iyo tubyawe n'umwuka w'Imana, turi abana b'Imana. Ariko twateganyijwe, kandi

reba icyo ngerageza kubazanaho, kur'aba bana b'iminsi ya nyuma, murabona? Ku...murabona? Twateganyijwe kera ku-[kugera] ku kugirwa abana.

Ni byiza, turahageze. Rero, reba ikibabaza aba pantekote. Baravuga ngo: " navutse bundi bushya !Umwami akuzwe ! Nakiriye Umwuka wera ! " ni byiza cyane. Uri umwana w'Imana, n'ukuri. Ariko nubwo atari ibyo ndi kuvuga. Murabona? Mwateganyirijwe kugirwa abana, kugira umwana, n'ugushyira mu mwanya, umwana.

(Ibi ndabyegereje cyane, kubera ko Becky yambwiye ko mbyegereje kandi mwe muri imyuma, ntimushobora kumva.)

64 Ndi..murabona, umwana..ni bangahe bazi amabwiriza yo kugira abana abawe mw'isezerano rya kera? Yego rwose, mufite..mwumve. umwana yaravukaga. (ndizera ko habivuze mu kibwirizwa kimwe. Uracyibuka icyo aricyo, Gene, urabyibuka? Ni kuri Bande. Yo ! cyar'iki? Nagitinzeho. Yo! Yego, muri 'mu mwumve', kugira abana abawe.)

Rero, mw'isezerano rya kera, iyo- iyo umwana yavukaga mu muryango, yabaga ar'umwana mu kuvuka, kubera ko yavaga avutse ku babyeyi be, yabaga ari umwana mu muryango kandi akaba ar'umuragwa w'ibintu byose. Nuko, ariko uwo mwana yarerwaga n'abarezi. Abagalatiya, igice cya 5, umurungo wa 17, kumurungo wa 25. Byiza. Yarerwaga n'abarezi, abigisha. Nuko, urugero, yavukaga ar'umuhungu, ubwo, tuvuge ko mbye umubyeyi w'umugabo maze...

65 Kandi ni kubera iyo mpamvu mu nsobanuro ya King James..ni bangahe bamaze kubona ko bisekeje, kubisoma, mu nsobanuro za King James, aho yavuze ati : " Munzu ya Data, har'ubuturo bwinshi" ?...inzu, ubuturo bwinshi? Murabona? Rero, mu kinyejana bibiliya yahinduriwe mo, mu nsobanuro za King James, "inzu", yari "ahantu". " Aho Data ari, har'ubuturo bwinshi." Ntabwo ar'inzu, iyari kubamo ubuturo, ariko bitaga Data w'aho hantu. Babikosoye mu buryo bwa Bibiliya; muri Bibiliya, n'uko bimeze.

Iyo umubyeyi yabaga afite ahantu ha hegitari 520 , cyangwa ikintu nkicyo, itsinda ry'abantu yahaye akazi babaga aho. Yahaga akazi abakozi, bo kuba aho, ngo bite ku ntama, n'ibindi byose, ngo bite ku mukumbi; yabaga afite abandi hano, bazamukaga mu mpinga mu gice cya ruguru, kure mu bihumbi ijana, kandi akaba afite abandi hano, hafi bita ku hene, maze afite n'abandi bashinzwe ingamiya, n'ubundi bwoko bwose bw'ibintu. Yabaga afite ubwami bunini. Yarazamukaga ku ndogobe nto , maze akabona buri wese, ngo arebe uko ibintu biri gukorwa, la tonte des moutons , n'ibindi gutyo. Ntagiye yabaga afite.

(Ntimwanyumva, iyo ndenze hano, ndagerageza kuguma hano. Noneho muranyumva, hano? Mukurikire neza.

66 Yagendaga ku mugongo w'indogobe, akagenda, ngo agerageze kwita ku bwami bwe. Nuko, rero, ashaka..umwana we agiye kuragwa ibyo afite byose. N'umuragwa.

Kandi natwe, iyo tuvukiye mu bwami bw'Imana, kubwa Yesu-Kristo, tur'abaragwa b'ijuru, abaraganwa na Yesu, kubera ko yafashe umwanya wacu. Yahindutse twe (icyaha) kugira ngo duhinduke We (gukiranuka). murabona? Yahindutse nje, kugira ngo mpinduke We, murabona; abaraganwa hamwe nawe. Byiza cyane. Noneho, mubyibuke, ni kuri nuri wese muri mwe.

67 Noneho, mwibuke, Imana yabateganyije, kubwo kumenya kera kwayo, nkuko mwari kugera kur'ibi. Ababyumvishe muzamure akaboko. Murabona? Imana, kubwo kumenya kera kwayo, yabateganyirije igihugu cy'isezerano. Igihugu cy'isezerano ku ba kristo none n'iki uyu muni? Muzamure ukuboko, niba mubizi. " isezerano n'iryanyu, no kubana banyu, n'abari kure bese. Mu minsi yanyuma, niko Imana yavuze, nzasuka Umwuka wanjye kubaremwe bese, abahungu banyu n'abakobwa banyu." Kandi muri Yesaya 28.18: " ni ngombwa ngo biba icyanditswe ku cyanditswe, umurungo kumurungo; bike hano, bike hariya. Mugundire icyiza. Ahubwo nzavuganira n'ubu bwoko ku kanwa k'abanyamahanga b'urundi rurimi, kandi murebe ikiruhuko (i-ikiruhuko) igihugu cy'isabato, icyo nababwiye ko bazinjiramo, ariko nubwo ibyo byose, ntibashatse kumva, bazunguje umutwe barigendera, banze kumva." Murabona? Neza neza.

68 Byar'iki? Neza neza ni nk'abo bantu bakoze urugendo rwose kuva I kanani cyangwa kuva mur'Egiputa, bari barakoze urugendo rwose mu butayu, kandi bari begereje, hafi neza yo gusogongera ku raisins iva mu gihugu. Mwendata, reba...abo bagabo bashaka ko nisubira kucyo navuze, hariya, kuberekeye Abaheburayo 6. Nabikora nte? Abo bantu, n'abizera b'imibibi; ntibazigera bambuka ! ntibashobora kwambuka.

Yesu yaravuze... Baravuze: " Ba data baririye manu mu butayu."

Nuko, Yesu avuye ati: " Bose barapfuye." Bivuze, gutandukana. Bose barapfuye. N'ukuri. Yaravuze : " Ariko nd'umutsima w'Ubugingo wamanutse uva mw'Ijuru, imbere y'Imana. Umuntu urya uyu mutsima ntazapfa. N'ukuri. Yego, yego, afite ubugingo bw'iteka, narya Uyu, nijye giti cy'ubugingo cyari mu ngombyi ya Edeni."

69 Mbese, murabona, abo bantu bageze hafi..murabona, niba mureba neza mu Baheburayo⁶, ntabwo ar'ugusubira hasi, ahubwo Mu Baheburayo 6: " abo bantu babonye umugabane ku Mwuka wera, bakagera hafi, kandi basogongeye kumpano iva mw'Ijuru." Bari bicaye aho, babonye gukiza kw'Imana gusohora, babonye abantu bambikwa imbaraga z'Imana, babonye ubugingo buhindurwa, ariko ntibashatse kubikoraho. Oya, oya. " kandi abo bantu basogongeye ku mbaraga zo mu gihe kizaza; kandi, kongera kubahindura ngo bagere ku kwihana, nyamara mugihe baba bibambiye Umwana w'Imana kandi bagasiribanga amaraso y'isezerano, ayo yejesheje.."

"Nd'umwe mubagize itorerero ryizera kwezwa." Ni byiza, kugez'aho, gusa ntimwaba mugiyeye kure. Murabona? Yego, yego,. Ubutayu bwarabejeje. Niko biri. Bari bafite inzoka y'umuringa, igicaniro cy'umuringa, n'ibindi, aho ngaho, kwezwa; ariko binjiye muri Parestina kubw'ikiruhuko.

70 Murebe, Abaheburayo 4, ntiyavuze ngo: " ikindi kiruhuko" ? Imana yaremye umunsi wa karindwi maze abaha ikiruhuko cy'umunsi wa karindwi. Maze hanyuma y'aho, nanone avuga ikiruhuko, ati: " kandi uyu munsi, muri Dawidi..." nuko, ibaha ikindi kiruhuko: " Ni muze, mwe abarushye n'abaremerewe, nzabaha ikiruhuko." Mwinjire mu kiruhuko ! kuko twe twinjiye mur'icyo kiruhuko, twaruhutse imirimo yacu, nk'uko Imana yaruhutse icyayo umunsi w'isabato. Nukuri. Dore isabato yanyu, ikiruhuko. Reba ikiruhuko cyanyu cy'ukuri, mur'iki gihugu cy'isezerano.

Umwuka wera n'isezerano rigenewe abantu. Mbese, Kuki bashaka kugira ababwiriza b'intiti, bigishijwe, bazareka abagore ngo bambare amakabutura, bogoshe imisatsi, basige iminwa amarangi, kandi bareka abagabo bakine urusimbi, kunywa inzoga, kuvuga imigaryo, no gukomeza gutya, maze bakiyita abanyamuryango b'itorero. Kuki bazakira ikintu gisa nk'icyo, ariko bakanga ubuyobozi bw'umwuka wera? Nuko, Bibiliya ivuga ko Ijambo ry'Imana ritema kurusha inkota y'amugi abiri, ko rihinguranya rikagera kw'igufa, kandi ko rigenzura n'ibitekerezo by'umutima.

71 Kandi niba dukunda Isi n'ibintu byo mw'Iisi, urukundo rw'Imana, ntiruba muri twe. " banshi barahamagawe, ariko abatoranijwe ni bake; kubera ko irembo rirafunganye, niyo nzira igana ku bugingo, kandi bake gusa nibo bazayibona. Banshi bazansanga urya munsi, maze bicare mu bwami, ni Yesu wabibuze, hamwe n'Aburahamu, Isaka na Yakobo. Ariko abana b'ubwami bazirukanwa maze bavuge bati: Mwami, ntitwakoze ibi mw'Izina ryawe? Ntitwabwirije? Ntitwari intiti kanaka, umuyobozi w'ikirenga runaka? sinigeze kubamenya, Mumve imbere, abakozi bo gukiranirwa. Sinigeze mbamenya, abavuga ngo ' Mwami. Mwami' , ntabwo ari bose bazinjira. Ahubwo ukora ibyo Data ashaka uri mw'Ijuru, niwe uzinjira."

72 Nguko. Kwinjira mur'iki gihugu cy'isezerano. Twinjiramo gute? Twarabiteganyirijwe, itorerero, kubwo kumenya kera kw'Imana. Yateganyirije iki? Ku cyubahiro cye, kubw'ubuntu bwe, gukuzwa, kuramywa no guha ikuzo Imana. Papa, wari hariya kw'itangiriro, yariho wenyine ubwe, ntacyo yar'Ifite hafi yayo, yifuje ko ikintu gishobora kuyirama, niko yateguye ibintu maze iteganya itorerero, mbere y'uko Isi isyirwaho imfatiro, ishyira amazina yabo mugitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama ubwo bari...atambwa mbere y'uko Isi ishyirwaho urufatiro, kugira babashe guhishurwa kubw'ikuzo n'icyubahiro, kw'iherezo ry'ibihe, ubwo ibintu byose bizaba bihurira mur'uwo Muntu umwe, Yesu Kristo. Ahuuu ! icyubahiro ! nibyo, ni..kandi nuko bimeze, naho neza neza, Mwenedata, mushiki wanjye. Ntimuzigere muva kur'ibi.

73 Imana, kubera ubuntu bwayo bwo gutoranya, yarabahamagaye. Imana, kubera ubuntu bwayo bwo gutoranya, yarabejeje. Imana, kubera ubuntu bwayo bwo gutoranya n'imbaraga zayo, yarababatije maze ibinjira muri icyo gihugu cy'uburuhukiro. Abinjiye mur'ubwo buruhukiro bararuhutse imihangayiko yabo. Baruhutse imirimo yabo, nkuko Imana yaruhutse icyayo. Bafite umunezero utavugwa kandi buzuye ubwiza ! Igitu cy'Ubugingo gishorera muri bo. Bafite kwihangana, baratuje, bafite kugwa neza, kwihangana, kwizera-kwizera, amahoro, gukiranuka n'ibindi. Igitu cy'ubugingo gishorera muribo kubera ko ibyiringiro byabo biteye muri Yesu kristo, hamwe n'ubuhamya bw'Umwuka wera, buhamirizwa n'ibimenyetso n'ibitangaza biherekeza abizera. " Dore ibimenyetso bizaherekeza abazaba bizeye." Mu gihe cyose cy'urugendo, bakiza abarwayi, birukana amadayimoni, bavugana mu ndimi, bagira amayerekwa. Ba... bagendana n'Imana, bavugana n'Imana. Nta dayimoni n'imwe yashobora kubanyeganyeza. Barashikamye, bahanze amaso ubugingo buhoraho...bibagirwa ibiri inyuma , birukira intego y'umuhamagaro w'ijuru muri Yesu kristo, niko biri. Niko biri, iryo torero.

74 Aho bahageze bate? Ntushobora kuvuga uti: " urabona, Mwami, Urazi, umunsi umwe, natangiye kunywa itabi, maze ndagwa, nuko, ntekereza ko ngomba.." Yo ! oya, oya, oya, oya.

Guteganywa ! yaraduhamagaye, tumaze kumukurikira, nibwo twavuze duti: " Nyabuna Mana, twari twarazimiye, birangiye, twari nka...ntanigitekerezo cyo kwikiza twari dufite. Twari dufite kamere y'ingurube, twar'ingurube mw'itangira."

Ugiye ahari isayo y'ingurube, ukareba ishashi y'ingurube, maze ukavuga uti: " rero, reba hano, mukubwa wanjye, hari icyo nshaka kukubwira. Si byiza ko wowe unywa inzaruwe." 137. Izavuga iti : " Grooo-grooo !" murabona? Rero, reba aho muba muri igihe mwikiza ubwanyu, ibyo n'ukuri.

75 Niba muvuga muti : " Mugore, ntiwakabaye wambara imyambaro nkiyo; ugomba kwambara imyenda

ikwiriye. Ugomba gikora ibi. Ntugomba kujya..ntugomba kugira imikino y'amakarita. Ntugomba kunywa itabi. Ntugomba gukora ibi. Mugabo, ntugomba gutwara...

Azavuga at: " Grooo-grooo ! ndumunyamuryango wa Groo-Grooo." Yego, yego. " Groo ! , ibi nibyo bazi byonyine. " rero, ndashaka ko mumenya ko ndi mwiza kubarusha. Groo-groo!" murabona, banga ubuyobozi bw'Umwuka wera; niyo mpamvu Bibiliya ivuga ko niba mukunda Isi cyangwa ibintu by'isi, urukundo rw'Imana ntiruba ruri muri mwe.

76 Niki kibagira umwihariko? Mur'ihanga ryera. Mwakoze iki? Mwasohotse mur'icyo gihugu. Muri mukindi gihugu. Mwahinjije gute ? n'igihugu cy'isezerano. Isezerano bwoko ki? " mu minsi ya nyuma, niko Imana yavuze, nzasuka umwuka wanjye kubifite umubiri." M'Umwuka umwe nimo twese twabatirijwe ngo twinjire mu gihugu cy'isezerano. Amen. Benedata na bashiki bacu, Haleluya, abafite imitima itunganye, nta shyari, nta rwango, habe..uko byaba kose, niba mwenedata si mwenedata atannye , icyo yaba yarakoze cyose, uzajya kumushaka.

77 Nta gihe gishize, nagiye gushaka mwene Data wari watannye. Umusore yarambwiye ati: " reka ce coquin igende. Yihe amahoro."

Naravuze nti: "niba narigeze ngera kurugero rw'uko umutima wanjye udahamanye na mwenedata, icyo kizaba ar'igihe cyanjye cyo kijya ku gicaniro, kubera ko nzaba natakaje ubuntu." Ndavuga nti: "Nzagenda, igihe cyose azaba agifite umwuka w'ubuzima mu mubiri we, kandi nzamufatira ahantu runaka ku nzira." Yego, yego. Maze mufate, haleluya, mugarure. Yego, yego, atashye imuhira, yego, yego. Ari, mu mutekano noneho. Yego, yego. Yakabaye yarazimiye, nkuko kabiri ukongeyeho kabiri bingana kane.

78 Muri ako kanya, ubwo nabonaga uwo mugore ukennye, ukiri muto, wicaye hariya, umutware w'umutekano yarampamagaye, aravuga ati: "mu by'ukuri, yagombaga kwambara agasengeri ku ngufu." Yaravuze ati: "aravugishwa by'ukuri, yataye umutwe." Ya... bari bamujyanye kuri hoteli kugeza igihe mpagereye. Ndavuga nti: "biri butungane."

Yaravuze ati... umutware w'umutekano yaravuze ati: " Turebe Billy!"(Ndamuzi cyane, ndamuzi kuva mkiri umwana), yaravuze ati: " Niba hari icyo nakora ngo ngufashe..."

Ndavuga nti: "Biri butungane."

Aravuga ati: "Washobora kumufasha?"

Ni uko, bamuzanye aho, maze akimara kugenda mukanya gato, yari mu mahoro. Byagenze gute? Twamwohereje isengesho . Amen ! yari...

Baravuze bati: " ushaka kujya kwa muganga? " babwira umugabo we bati:" ukeneye muganga?

Ati: " ntacyo muganga yamumarira" kandi n'ukuri. Yari yataye ubwenge. " ntacyo muganga yamumarira."

Ati: " icyo duhanze amaso cyonyine, nukugera yo."

Maze aravuga ati: " sinitaye ko wabyumva.

Navuze ngo : 'ibyo simbyumva' "

Ndavuga nti: "Oya, ariko We, arabishobora."

Ndavuga nti: "Mumpe."

79 Ariko, Yo ! mbega ! we! Habe na gato, simbyumva ! oya. Yo ! ariko mwenedata, ndibuko ubwo nari kure, aho, igihe kimwe. Hari ikintu cyaje kunshaka. Amen ! atari uko nashakaga kuza , ahubwo ni kubera hari ikintu cyaje kunshaka. Kubera ko mbere y'uko Isi ishyirwaho imfatizo, Imana Imana yarateganyije, Haleluya, ko tuzababa ab'icyubahiro n'ubwiza Bwe. Mutege amatwi ! abo yamenye mbere, yakoze iki? Yarabahamagaye. Sibyo? Namwe

Yarabahamagaye? Yego ! kubera iki yabahagaye? Yabamenye mbere. Abo yambenye mbere, yarabahamagaye, irabatsindishiriza. Ese sibyo? Kandi abo yatsindishirije, yabahaye ubwiza ! Amen ! nicyo Bibiliya ivuga. Abo yamenye mbere. Yarabahamagaye. Buri kinyejana ! abo yahamagaye, yamaze kubatsindishiriza. Iki? Noneho, mureke nsome umurongo w'ibyanditswe hano. Ni byiza.

Yabatoranije kera mu rukundo rwayo kuba abana b'abaragwa kubwa YesuKristo, nkuko yabishatse...

Ishimwe ry'icyubahiro cye...

Yo! Ibyo murabisobanukiwe? Kw'ishimwe ry'icyubahiro cye ! kugira ngo ibashe kuba aho mu bisekuruza by'iteka bizaza; kandi ko abana bayo batake bati: " Abba,Data ! Abba, Data !"

Maze abamalayika bati: " bariho bavuga ibiki? N'ibiki bari kuvuga?"

80 Dufite ishusho nziza mu mugani w'umwana w'ikirara. Nari narazimiye." Uyu n'umwana wanjye. Yari yarazimiye ariko noneho yarabonetse. Yari yarapfuye ariko noneho ni muzima. Muzane ikimasa kibyibushye, ikanzu nziza cyane, impeta mumwambike intoki. Maze tugiye..." ntibitangaje ko inyanyeri zo mugitondo zririmbiye hamwe, maze ko abana b'Imana batera hejuru kubw'umunezero, igihe babonaga umugambi w'agakiza, Imana ishyira izina ryawe mu gitabo mbere y'uko Isi ishyirwaho imfatizo...

81 Rero ,muravuga muti: " Calvin yizera ikintu kimeze gutyo." Njye, sinigeze nizera Calvin, Calvin yari umwicanyi. Calvin yambuye umuntu ubuzima kuko yabatije mw'Izina rya Yesu. N'umunyangeso mbi, nawe ubwe yarakeneye guhinduka. Yego, mugabo. Ariko ibyo yavuze kubirebana....bimwe mubyo yavuze byari ukuri. Ariko ibyo...ibikorwa bye, umuntu ushobora kwica undi kubera ikintu nka kiriya, biteye ubwoba, n'igikorwa kigayitse. Nibyo.

Imana idusakazeho imigisha...

82 Yo ! tegereza, ntacyo nakoze ku kugirwa abana" , sibyo? Naba natinze? Reka turebe ngo ni gihe ki kw'isaha. Byiza cyane. Yego, dufate gusa iminota icumi kubera abaturutse kure. Nimwumve.

83 Nimwumve. " Kugirwa abana", ngiye kubereka...impamvu bikorwa. Umugabo afite ubwami bunini, abuzekuruka ku mugongo w'indogobe. Dore noneho abyara umwana. Yo ! arishima cyane. (Rero, uwo n'Imana) maze, muzi icyo uwo mugabo akora? Ashaka umurezi mwiza, umutoza mwiza. Muzi icyo umutoza aricyo, sibyo? N'umwigisha wo kw'ishuli. Ashaka umwigisha mwiza wo kw'ishul ahashoboka hose mi gihugu. (hanyuma, tugiye gukomeza noneho, mwumve.)

Maze abona umwigisha mwiza wo kw'ishuli ashobora kubona. Ntahitamo espèce de vaurien. Ashaka neza ko umwana we aba umuntu ukwiriye kwitwa izina rye.

Mukeneye namwe ko abana banyu bigenda gutyo, sibyo? Nibyo rwose, ikintu cyiza mushobora kubaha! Yego, yego. Niba mbese umugabo wakimuntu yarashoboye gutekereza gutyo , mutekereza ko Imana yo itekereza iki ku bana bayo? icyiza kirenze ashobora kubona.

84 Rero, ashaka umuntu uzaba umunyakuri. Nuko rero, ntasho...umugabo...ntakeneye umuntu uzavuga ati: " umva, Junior, ushobora gukora icyo ushaka cyose. Mukunzi." Yo ! yego, data, yego, yego, arakura neza, n'umuhungu w'intangarugero." ...umuntu uzamukoma-koma ku ntugu akamushimagiza. Oya, oya. Uwo muntu yahita yirukanwa aka kanya. Niko biri.ashaka umuntu uzavugisha ukuri. Niba uwo mwana akura neza, akabimubwira. Niba adakura neza, akavuga ikitagenda.

Kandi niba umubyeyi wo kw'isi ashobora gutekereza gutyo..mushaka ko umuntu aba umunyakuri kuri mwe, ko umwigisha wo kw'ishuri aba umunyakuri kuberekeye abana banyu, sibyo? Nibyo rwose. None, se mutekereza ko noneho Imana yo itekereza iki? Kandi Imana Irabizi; twe ntitubibi; Yo, irabizi. Dufite aho tugarukira; ntitwashobora kubimenya. Ariko Yo ntigira iherezo, Irabizi.

85 None, muzi icyo umubyeyi akora ? ntiyigeze avuga ati: " ngiye gufata Papa (wa Roma) ngo andeberere abana banjye." Kandi ntiyigeze anavuga ati: " ngiye gufata Musenyeri." Oya,

oya. Ntiyakoze gutyo, kubera ko yar'Izi ko Papa(wa Roma) azaba ari mugukiranirwa. Na Musenyeri nawe. Murabona? Ntiyigeze avuga ati: " ngiye gufata umugaba w'ingabo ngo andeberere Amatorero yanjye." Oya, oya.

Yafashe Umwuka wera. We ubwe, umurezi We, yego, yego ngo ikuze abana bayo. Ni byiza. Nigute wamenya ko umwuka wera..? uvuga unyuriye mu minwa y'ikiremwa muntu. Ni gute wamenya ko avuguska ukuri? Iyo urebye umwuka wera uvuga unyuzwe mu minwa ivuga ukuri nyako igihe cyose, ihanura ibintu, kandi bigasohora neza neza, nkuko Samweli yavuze, nuko rero, umenya ko ar'ukuri. Bigasohora neza neza. Niyo mpamvu. Imana yavuze iti: " navuga, ibyo avuze ntibisohore, ntimutege amatwi, kubera ko ntabwo ndi kumwe nawe. Ariko nibisohora, naho rero, mumutege amatwi, kubera ko ndi kumwe nawe." Murabona? Reba n'uko ikora.

86 Ubwo, Mbese, arazenguruka.... Noneho, mutekereza iki uwo murezi azavuga, bibaye ngombwa ko azamuka imbere ya Data, akavuga ati: "Abana bawe bitwara nabi. Ndakubwiza ukuri uriya muhungu wawe, n'intakoreka, n'inzererezi , ntawe ndigera mbona nkawe ! mbega we! Muzi icy'akora? N'uriya mukobwa wawe...yo ! ahuuu, ni sinzi icyo uzamukorera. Hm ! rero, urazi ikindi? Ntanagaragara ko..murabona? yisega wese amarangi nka ba babakobwa bari hariya, mubaFilisitiya, yego, yego. Ashaka kwifata nkabo.

-Umukubwa wanjye?

-Yego, Umukobwa wawe.

Dore icyo Umwuka wera abwira itorero uyu muni. Niyo mpamvu tutagira ububyutse. Murabona?

Rero, N'ukuri.

87 Rero, urabizi, wavuze ko ziriya ntama zigomba kurishiriza muri ruriya rwuri, hariya hejuru, ibyo kurya by'Intama, hariya hejuru. Yego, muzi icyo yakoze? Aziyobora hasi hariya, mu murima w'ibyatsi bibi. We gusa aziyobora hariya, akazirekera aho, mubihuru, arazireka aho, mubyatsi bibi, zikarya ibyo cette espèce de saule, [Abo ni Abasenyeri, Abashumba, bahakana ikizana imbaraga. " rero, ndakubwira ukuri; sindigera mu buzima bwanjye mbona itsinda ry'intama z'umujinya nka zo. [ntakunda ibyo. Oya.] uzi n'ikindi? Uriya mukumbi, urabizi, ko wamubwiye kuzigaburira kiriya gitovu kugira ngo zibyibuhe neza?

-yego.

-uzi icyo azigaburira?

-"Oya"

- Ibitovu bishaje. Yego, ari gutuma bihuza n'ibigo by'ubucuruzi n'ibindi. Nturigera ubona ikintu nk'icyo mu mibereho yawe, nturigeza ubona ikintu giciye mu mucyo mu mibereho yawe. Muzi icyo ari gukora? Agenda azenguruka aho, anywa igitabi kinini, areze agatuza. Ari kumwe n'umugore we, wambaye amakabutura, neza neza nkuko abafilisitiya bari kubikora, hariya. Yego." Dore ngo ni butumwa ki Umwuka wera agomba gutanga, kubyerekeye Itorero ry'uuyu muni. Noneho, murabitekerezaho iki?

N'ukugira abana abaragwa. N'iki yakoze? Yaduteganyije kub'abaragwa. Yaduhaye Umwuka wera, ariko, mutegereze gato; kugira abana abaragwa. Nicyo turi kuvugaho. Kugira abana abaragwa.

88 Rero, uzi icyo yakoze? Undi muni Musenyeri yaratambutse , yari yagize iteraniro ryo gukiza abarwayi, hariya. Umugabo, mwenedata araza, maze asengera abarwayi. Nuko aravuga ati: ' Sigaho !'

-yo! Yo! Yego, Musenyeri, mubyeyi, ndabikora.

-ntimwifatanye nawe.

- Yo! Oya, oya, oya, mubyeyi Musenyeri, sibyo rwose.

"nanjye, mvuye kumubwira ukuri kw'Ijambo, bisesuye. Urareba, ari hano. Namusomeye amategeko yawe, nkuko agomba kubikora uko biri, maze yanga kunyumva. aravuga ati: "yo! Ibyo, byari iby'ikindi gisekuruza, kuw'undi muhungu, ikindi gihe...ibyo sinjye bireba." Ibyo...Reba, rero, uko n'ukuri nshuti yanjye. Noneho ntimureba aho itorero ryatereye igihagararo, niyo mpamvu tudafite ububutse, niyo mpamvu ibintu bitagenda? Aho niho har'ikibazo.

89 Yosua: " Gadi, nshaka ko u..aha ninaho hari umwanya wawe, bijyanye na gahunda, umwanya wawe ni hano,rwose. Nshyira hano, Gadi, guma hano. Benyamini, wowe jya hariya. Maze noneho, mwese mugume kure y'imbibi z'abafilisitiya." Igihe Yosua yagarutse, reba ko abantu bose bari hakurya mubafilisitiya, n'imihuro y'ibirori, bari aho, bari kubyina, gutya, n'abagore bose bisize amarangi, babyina bataraka, bagize ibihe byiza. Nuko Yosua yishima mu mutwe maze aravuga ati: "noneho n'ibiki? N'uku, ntakundi, Mana urakoze, ntakundi, ariko byose ni gutya.

